# IBIKORWA BY'UBUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2015 - 2016

# IBIRIMO


**1. INTANGIRIRO.....1**

**2. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU.....3**

**3. INGENGO Y'IMARI UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAKORESHEJE MU MWAKA WA 2015-2016:.....4**

**4. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2015 KUGEZA KAMENA 2016.....5**

**4.1. Intego z'ingenzi zikubiye mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru y'umwaka wa 2015-2016.....5**

4.2. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguye imihigo ya 2015-2016 .....6

4.2.1. Imbonerahamwe igaragaza ishusho rusange y'amadosiye yakozwe mu Bushinjacyaha Bukuru mu mwaka wa 2015-2016: .....7

4.2.2. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye Inkiko.....9

4.2.3. Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahungiye hanze y'u Rwanda.....10

4.2.4. Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho gukora ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu.....15

4.2.5. Ibyagezweho mu gukurikirana ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina (GBV cases):.....22

4.2.6. Ibyagezweho mu gukurikirana ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu.....24

4.2.7. Ibyagezweho mu kurengera no gufasha abahohotewe n'abatangabuhamya.....26

4.2.8. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguye muri rusange imihigo y'umwaka wa 2015-2016:........................................28

**4.3. Ibindi byakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuva muri Nyakanga 2015 kugeza Kamena 201..................................29**

4.3.1. Mu biro by'Umushinjacyaha Mukuru..................................29

4.3.2 Ibyagezweho mu Bugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru........36

4.3.3. Ibyagezweho mu Bunyamabanga bw'Ubushinjacyaha Bukuru ..........................................................................................................37

**5. IMIHIGO YA 2016-2017......................................................38**

**6. UMWANZURO.......................................................................40**

# 1. INTANGIRIRO

Buri mwaka Ubushinjacyaha Bukuru butanga raporo y'ibikorwa bwagezeho nkuko biteganywa n'ingingo ya 37 y'Itegeko Ngenga N° 04/2011/OL ryo kuwa 03/10/2011 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare nkuko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu. Ni muri urwo rwego iyi raporo y'umwaka wa 2015-2016 igaragaza intego z'ingenzi zikubiye mu mihigo yabwo n'ibikorwa byagezweho n'Ubushinjacyaha Bukuru hashingiwe ku bubasha buhabwa n'itegeko ryavuzwe haruguru mu ngingo yaryo ya 26.

Ubwo bubasha bukaba ari ubu bukurikira:

1° Gukora iperereza ku byaha bukurikirana no kuyobora iperereza rikorwa n'abagenzacyaha;

2° Kuburana imanza z'inshinjabyaha mu nkiko zose zisanzwe z'Igihugu no mu nkiko za gisirikare;

3° Kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;

4° Gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ubugizi bwa nabi;

5° Gukora indi mirimo bwagenewe n'itegeko.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka mbere (1°); iyi raporo irerekana neza amadosiye Ubugenzacyaha bwashyikirije Ubushinjacyaha kugira ngo buyafatire umwanzuro, n'ibyemezo bitandukanye bwayafatiye nyuma yo kuyasesengura.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka kabiri (2°), raporo iragaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko n'uko bwagiye butera imbere mu gutsinda izo manza.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka gatatu (3°), hashyizweho amabwiriza ngengamikorere agamije kunoza serivise Ubushinjacyaha buha abaturage.

Ku bubasha bwo gufatanya n'ibindi bihugu mu rwego rwo kurwanya ubugizi bwa nabi, iyi raporo iragaragaza ingano y'inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu Bihugu abakekwaho icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 baherereyemo, abafashwe, abagaruwe kuburanishirizwa mu Rwanda n'ababuranishijwe bakanakatirwa n'inkiko z'ibihugu bafatiwemo.

Ubushinjacyaha burashima ubufatanye n'izindi nzego za Leta n'iz'abaterankunga zabufashije kugira ngo bugere ku musaruro ugaragazwa muri iyi raporo.

## 2. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU

| Nº | ICYO BAKORA | UMUBARE |
|---|---|---|
| 1. | Umushinjacyaha Mukuru | 1 |
| 2. | Umushinjacyaha Mukuru Wungirije | 1 |
| 3. | Umunyamabanga Mukuru | 1 |
| 4. | Umugenzuzi Mukuru | 1 |
| 5. | Abagenzuzi | 4 |
| 6. | Abashinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu | 25 |
| 7. | Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye | 12 |
| 8. | Umuyobozi w'ishami rishinzwe gukurikirana ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina | 1 |
| 9. | Umuyobozi w'ishami rishinzwe gukurikirana ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu | 1 |
| 10. | Umujyanama w'Umushinjacyaha Mukuru | 1 |
| 11. | Abashinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye | 81 |
| 12. | Abashinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze | 60 |
| 13. | Abayobozi b'amashami na za serivisi | 10 |
| 14. | Abayobozi bashinzwe gucunga abakozi n'ibikoresho ku nzego zisumbuye (IRM) | 12 |
| 15. | Abandi bakozi (Professionals) | 39 |
| 16. | Abayobozi b'abafasha b'Ubushinjacyaha | 12 |
| 17. | Abafasha b'Ubushinjacyaha | 69 |
| 18. | Abafasha b'abayobozi (Administrative Assistants) | 4 |
| 19. | Abanyamabanga (secretaries) | 4 |
| 20. | Abashoferi | 14 |
| | **Igiteranyo Rusange** | **353** |

## 3. INGENGO Y'IMARI UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAKORESHEJE MU MWAKA WA 2015-2016:

| | **Ingengo y'imari Ubushinjacyaha bwagenewe muri 2015-2016** | **Ingengo y'imari bwakoresheje muri 2015-2016** | **Ijanisha ry'ingengo y'imari yakoreshejwe** |
|---|---|---|---|
| Imishahara (Frw) | 2,781,016,204 | 2,746,086,051 | 99 |
| Ibindi bitari Imishahara (Frw) | 2,119,373,249 | 2,058,355,276 | 97 |
| **Igiteranyo (Frw)** | **4,900,389,453** | **4,804,441,327** | **98** |

# 4. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2015 KUGEZA KAMENA 2016

## 4.1. Intego z'ingenzi zikubiye mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru y'umwaka wa 2015-2016

Mu mwaka wa 2015-2016, Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku bubasha buhabwa n'itegeko, buhereye kandi ku igenamigambi ry'umwaka ndetse n'ibipimo by'ingenzi bishingirwaho mu gupima ingano n'ubwiza by'akazi, bwihaye intego 6 (targets) zikurikira:

i. Gufatira umwanzuro amadosiye bwakiriye nibura ku kigero kiri hejuru ya 98%;

ii. Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho amadosiye bwaregeye inkiko kikava kuri 92.9% kikagera nibura kuri 93%;

iii. Mu rwego rwo kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu, Ubushinjacyaha bwiyemeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura 200;

iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu, hongerwa ikigero cy'amadosiye afatirwa umwanzuro kikava kuri 94.7% kikagera nibura kuri 98%;

v. Gukurikirana by'umwihariko ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu, hongerwa ikigero cy'amadosiye afatirwa umwanzuro kikagera nibura kuri 98%;

vi. Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikava kuri 93% kikagera nibura kuri 94%.

## 4.2. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguye imihigo ya 2015-2016

Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 98% (Reba umuhigo wa mbere (1°)).

### 4.2.1. Imbonerahamwe igaragaza ishusho rusange y'amadosiye yakozwe mu Bushinjacyaha Bukuru mu mwaka wa 2015-2016:


| Ubushinjacyaha | Amadosiye yinjiye | Abayakurikiranywemo | | | Amadosiye yafatiwe umwanzuro | | | | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Abagabo | Abagore | Bose | Ayaregewe inkiko | Ayashyinguwe | Ayoherejwe ahandi (Abunzi and MPD[1]) | Ayakozwe yose | | |
| Urwego rw'Ibanze | 16,700 | 14,730 | 2,136 | 16,866 | 12,241 | 3,982 | 418 | 16,641 | 59 | 99.65 |
| Urwego Rwisumbuye | 8,676 | 8,013 | 665 | 8,678 | 5,400 | 3,005 | 169 | 8,574 | 102 | 98.82 |
| Urwego rw'Igihugu | 77 | 71 | 8 | 79 | 45 | 19 | 6 | 70 | 7 | 90.91 |
| **Igiteranyo** | **25,453** | **22,814** | **2,809** | **25,623** | **17,686** | **7,006** | **593** | **25,285** | **168** | **99.34** |

**N.B.** *Nkuko bigaragara muri iyi mbonerahamwe umuhigo wo kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwawugezeho 100% kuko bwari bwahize gukora nibura 98% bukora 99, 34%.*

1 MPD: Military Prosecution Department

## Amadosiye yinjiye n'ayakozwe kuva 2009 kugeza Kamena 2016

| Umwaka | Amadosiye yinjiye | Amadosiye yakozwe | % ayakozwe/ ayinjiye |
|---|---|---|---|
| 2009 | 24,008 | 14,044 | 58.50 |
| 2010 | 25,962 | 20,208 | 77.84 |
| 2011 | 25,927 | 18,767 | 72.38 |
| 2012 | 29,308 | 20,808 | 71.00 |
| 2012-2013 | 27,308 | 26,956 | 98.71 |
| 2013-2014 | 28,697 | 27,687 | 96.48 |
| 2014-2015 | 28,864 | 28,637 | 99.21 |
| 2015-2016 | 25,453 | 25,285 | 99.34 |




**N.B:** *Nkuko bigaragara Ubushinjacyaha Bukuru guhera mu mwaka wa 2012 bwakomeje gukora amadosiye bwakira ku kigero kiri hagati ya 96 na 99% kandi bikagenda bitera imbere buri gihe.*

### 4.2.2. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye Inkiko


Undi muhigo wari uwo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko kikava kuri 92.9% kikagera nibura kuri 93% (Reba umuhigo wa kabiri (2°)).

Kuva Nyakanga 2015 kugera Kamena 2016, amadosiye 16,710 yaburanywe n'Ubushinjacyaha Bukuru mu nkiko yarasomwe; muri yo ibihumbi 15,447 angana na 92.5% bwarayatsinze nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

- **Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko:**

| Ubushinja-cyaha | Imanza zasomwe | Izo Ubushin-jacyaha bwatsinze | Izo Ubush-injacyaha bwatsinzwe | Ikigero bwatsindi-yeho imanza zasomwe / Conviction rate |
|---|---|---|---|---|
| Urwego rw'Ibanze | 8,977 | 8,520 | 457 | 94.9 |
| Urwego Rwisumbuye | 5,641 | 5,009 | 632 | 88.8 |
| Urwego rw'Igihugu | 2,092 | 1918 | 174 | 91.7 |
| **Igiteranyo** | **16,710** | **15,447** | **1,263** | **92.5** |

## Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwagiye buzamuka mu gutsinda imanza mu madosiye bwaregegeye inkiko kuva 2009 kugeza Kamena 2016:




## 4.2.3. Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahungiye hanze y'u Rwanda

Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu hafatirwa umwanzuro nibura amadosiye 200, (Reba umuhigo wa gatatu (3°)).

**a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakorewe iperereza akarangira:**

| No | Akarere iperereza ryakorewemo | Umubare w'amadosiye yarangirijwe iperereza |
|---|---|---|
| 1. | HUYE | 136 |
| 2. | RULINDO | 116 |
| 3. | GASABO | 50 |
| 4. | BUGESERA | 45 |
| 5. | NYANZA | 41 |
| 6 | NYARUGENGE | 25 |
| 7. | MUHANGA | 24 |
| 8. | RWAMAGANA | 24 |
| 9. | RUSIZI | 20 |
| 10. | GATSIBO | 17 |
| 11. | KARONGI | 16 |
| 12. | RUBAVU | 15 |
| 13. | KAMONYI | 9 |
| 14. | NYAMAGABE | 9 |
| 15. | GICUMBI | 6 |
| 16. | GISAGARA | 4 |
| 17. | NYAGATARE | 4 |
| 18. | MUSANZE | 3 |
| 19. | NYARUGURU | 3 |
| 20. | NGOMA | 2 |
| 21. | RUHANGO | 2 |
| 22. | KICUKIRO | 1 |
| **Igiteranyo** | | **572** |

**NB:**

* *Muri aya madosiye 572 yarangirijwe iperereza, amadosiye 206 yakorewe inyandiko zitanga ibirego zoherezwa mu bihugu bitandukanye abakekwaho gukora ibyaha baherereyemo.*

* *Muri rusange Ubushinjacyaha Bukuru bukaba bwarafatiye umwanzuro amadosiye 307 mu gihe bwari bwihaye intego ya 200, ibi bivuze ko uyu muhigo wahiguwe ku kigero cya 150%.*

**b. Imbonerahamwe igaragaza inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho gukora icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 baherereyemo:**

| Nº | Igihugu | Inyandiko zoherejwe |
|---|---|---|
| 1. | Uganda | 81 |
| 2. | DRC | 71 |
| 3. | Malawi | 24 |
| 4. | Tanzania | 7 |
| 5. | Kenya | 6 |
| 6. | Belgium | 5 |
| 7. | Cameroon | 3 |
| 8. | USA | 3 |
| 9. | Congo Brazzaville | 2 |
| 10. | Mozambique | 2 |
| 11. | Benin | 1 |
| 12. | Canada | 1 |
| **IGITERANYO** | | **206** |

## c. Ababuranishirijwe hanze y'u Rwanda:

| Nº | Amazina | Igihugu cyamuburanishije | Itariki urubanza rwasomeweho | Igihano yahawe |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Onesphore RWABUKOMBE | Germany | 29 Ukuboza 2015 | Igifungo cya burundu |
| 2. | Claver BERINKINDI | Sweden | 16 Gicurasi 2016 | Igifungo cya burundu |
| 3. | Tito BARAHIRA | France | 06 Nyakanga 2016 | Igifungo cya burundu |
| 4. | Octavien NGENZI | France | 06 Nyakanga 2016 | Igifungo cya burundu |

## d. Abagaruwe mu Rwanda:

| Nº | Amazina | Igihugu cyamugaruye | Itariki yagerejwe mu Rwanda |
|---|---|---|---|
| 1. | Ladislas NTAGANZWA[2] | DRC | 20 Werurwe 2016 |
| 2. | Hussein MINANI | Tanzania | 05 Gicurasi 2016 |

2 Ladislas Ntaganzwa ni umwe mu bantu icyenda (9) bakekwaho jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 bashakishwaga uruhindu, banashyiriweho igihembo kingana na miliyoni eshanu z'amadorari y'Amerika ($5,000,000) ku muntu wese wari gutanga amakuru aganisha ku kubafata, hasigaye umunani (8) batarafatwa aribo: Felicien Kabuga, Protais Mpiranya, Augustin Bizimana, Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Charles Ryandikayo na Pheneas Munyarugarama.




*Ladislas NTAGANZWA ubwo yagezwaga mu Rwanda kuwa 20 Werurwe 2016.*

**e. Imanza z'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bagaruwe mu Rwanda ziriho ziburanishwa mu mizi n'Urukiko Rukuru rw'u Rwanda:**

| Nº | Urubanza | Aho rugeze |
|---|---|---|
| 1. | Dr. Léon MUGESERA | Kuwa 15 Mata 2016, Urukiko Rukuru rwamukatiye igifungo cya burundu, uregwa akaba yarajuririye iki cyemezo mu rukiko rw'Ikirenga. |
| 2. | Charles BANDORA | Kuwa 15 Gicurasi 2015, Urukiko Rukuru rwamukatiye gufungwa imyaka 30, uregwa akaba yarajuririye iki cyemezo mu rukiko rw'Ikirenga. |
| 3. | Pasteur Jean UWINKINDI | Kuwa 30 Ukuboza 2015, Urukiko Rukuru rwamukatiye igifungo cya burundu, uregwa akaba yarajuririye iki cyemezo mu rukiko rw'Ikirenga. |
| 4. | Bernard MUNYAGISHARI | Urubanza ruracyaburanwa mu mizi mu Rukiko Rukuru. |
| 5. | Emmanuel MBARUSHIMANA | Urubanza ruracyaburanwa mu mizi mu Rukiko Rukuru. |
| 6. | Ladislas NTAGANZWA | Uregwa aracyafunzwe by'agateganyo, mu gihe iperereza rigikomeza. Urubanza ntiruratangira kuburanishwa mu mizi. |

### 4.2.4. Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho gukora ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu

Umuhigo wa kane w'Ubushinjacyaha wari uwo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu, hongerwa ikigero cy'amadosiye afatirwa umwanzuro kikava kuri 94.7% kikagera nibura kuri 98%. (Reba umuhigo wa kane (4°)).

## a. Amadosiye y'ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu yafatiwe umwanzuro muri rusange:

| Icyaha | Ayinjiye | Ayoherejwe mu rukiko | Ayashyinguwe | Ayoherejwe ahandi | Ayakozwe yose | Akigwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo | 315 | 196 | 83 | 19 | 298 | 17 | 94.6 |
| Kurigisa umutungo wa Leta | 261 | 157 | 95 | 5 | 257 | 4 | 98.5 |
| Gutanga amasoko ya Leta binyuranye n'amategeko | 10 | 3 | 3 | 0 | 6 | 4 | 60 |
| Isonera ritemewe n'amategeko | 5 | 1 | 1 | 0 | 2 | 3 | 40 |
| Kunyereza imisoro | 11 | 10 | 1 | 0 | 11 | 0 | 100 |
| Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu | 4 | 2 | 0 | 0 | 2 | 2 | 50 |
| Kurigisa umutungo mu ma banki na microfinance | 34 | 30 | 4 | 0 | 34 | 0 | 100 |
| Kurigisa umutungo mu makoperative | 70 | 46 | 22 | 0 | 68 | 2 | 97.1 |
| **Igiteranyo** | **710** | **445** | **209** | **24**[3] | **678** | **32** | **95.5** |

3 Muri aya madosiye 24 yoherejwe ahandi, 19 yoherejwe mu bunzi andi 5 yoherezwa mu Bushinjacyaha bwa Gisirikare.

**N.B:**

- * *Aya madosiye 678 yakurikiranywemo abantu 928, bakurikiranyweho kurigisa amafaranga cyangwa umutungo ufite agaciro kangana na 14,313,087,514 Frw muri bo 586 baregewe inkiko.*

- * *Umuhigo Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwihaye wo gukora nibura 98% by'amadosiye bwakiriye wagezweho ku kigero cya 97.5%, amadosiye 32 yasigaye adafatiwe umwanzuro, amenshi muri yo yinjiye mu mpera z'umwaka, andi ni ayari agikeneye iperereza cyangwa audit.*

## b. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko:

| Icyaha | Imanza zasomwe | Umubare w'abakuri kiranywe | Aba-hamwe n'icya-ha | Abere | Con-viction rate | Umubare w'amafaranga cg agaciro k'umutungo abaregwa bak-urikiranyweho | Umubare w'amafaranga cg agaciro k'umutungo abaregwa baha-mijwe n'inkiko | Ingano y'ihaz-abu yategetswe mu manza Ubushinjacya-ha bwatsinze |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Kurigisa umutungo wa Leta | 102 | 186 | 128 | 58 | 68.82 | 814934726 | 675 608 263 | 967 846 541 |
| Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu | 2 | 2 | 2 | 0 | 100.00 | 8568172 | 8 568 172 | 2 000 000 |
| Ruswa n'ibindi byaha bifit-anye isano nayo | 187 | 221 | 192 | 29 | 86.88 | 15443800 | 14 081 800 | 46 035 900 |
| Gutanga amasoko ya Leta binyuranye n'amategeko | 10 | 34 | 21 | 13 | 61.76 | 2289694439 | 38 296 665 | 2 550 000 |
| Kunyereza imisoro | 4 | 12 | 8 | 4 | 66.67 | 1737701071 | 1 597 773 633 | 1 157 520 000 |
| Kurigisa umutungo mu mabanki na microfinance | 44 | 72 | 64 | 8 | 88.89 | 604084545 | 783 535 933 | 961 257 235 |
| Kurigisa umutungo mu makoperative | 51 | 84 | 68 | 16 | 80.95 | 5988289061 | 5 653 204 272 | 306 570 071 |
| **Igiteranyo** | **400** | **611** | **483** | **128** | **79.05** | **11 458 715 814** | **8 771 068 738** | **3 443 779 747** |

**c. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2013-2014:**

- **Imiterere ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2013-2014:**

| Ibigo byagenzuwe | Ibigo byakorewe iperereza | Ibigo byagize clean audit report |
|---|---|---|
| 127 | 84 | 43 |

- **Ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho kunyereza umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo y'Umugenzuzi Umukuru w'imari ya Leta:**

| Amadosiye yagombaga kwigwa | Ayaregewe inkiko | Ayashyinguwe | Ayoherejwe mu Bushinjacyaha bwa Gisirikari | Ayakozwe yose hamwe | Ayasigaye | Ayakozwe ku ijana |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 90 | 21 | 63 [4] | 5 | 89 | 1 | 98.8% |

**Note:**

* *Muri aya madosiye abaregwa bakurikiranyweho kurigisa umutungo wa Leta ungana na 376,727,220 Frw + 6,200 USD, kunyereza umusoro ungana na 775,402,712 Frw no gutanga amasoko ya Leta afite agaciro ka 45,669,650 Frw mu buryo budakurikije amategeko.*

4 Muri aya madosiye 63 yashyinguwe: 39 yashyinguwe kuko ibigize icyaha bitari byuzuye, 9 abayakurikiranywemo baciwe ihazabu, 4 yashyinguwe kuko Ubushinjacyaha bwasanze bitakiri ngombwa kuyakurikirana, amadosiye 4 abayakurikiranywemo bamaze gukatirwa n'Inkiko, 3 byagaragaye ko nta cyaha cyakozwe ahubwo ari amakosa, 2 Ubushinjacyaha bwasanze ibimenyetso bidahagije, 1 yashyinguwe by'agateganyo kuko uwakoze icyaha yari ataramenyekana mu gihe indi 1 yashyinguwe kuko Ubushinjacyaha bwasanze icyaha cyarashaje.

- **Amadosiye yaciwemo ihazabu (fine) nta rubanza rubayeho:**

| Umubare w'amadosiye | Abari bakurikiranywe muri ayo madosiye | Ihazabu yatanzwe (Frw) |
|---|---|---|
| 9 | 32 | 18,500,000 |

- **Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta (Imisoro n'andi mafaranga byanyerejwe):**

| Umubare w'amadosiye | Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubije amafaranga banyereje | Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta nta rubanza |
|---|---|---|
| 23 | 78 | Frw 84,501,981, Euro 3,726, Dollars 4,300 |

**N.B:** *Gusubiza amafaranga ntibibuza uregwa gukurikiranwa.*

- **Umubare w'abakozi ba Leta bagaragaweho amakosa yo mu rwego rw'akazi hashingiwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ya 2013-2014:**

| Ibigo, imishinga na Programu | Umubare w'abakozi bagaragaweho amakosa yo mu rwego rw'akazi | Umubare w'amakosa yagaragaye |
|---|---|---|
| 46 | 145 | 152 |

**d. Ikurikiranwa ry'abakekwaho kugira uruhare mu kurigisa no gukoresha nabi inkunga zigenewe kuzamura imibereho myiza y'abaturage bakennye binyuze muri gahunda za Leta:**

- **Amadosiye yakiriwe, ayafatiwe umwanzuro n'abayakurikiranywemo:**

| Pro-gramu | Ama-dosiye yinji-ye | Aba-yak-urikira-nywe-mo | Ingano y'iby-anyerejwe | Ayare-gewe inkiko | Ayashyin-guwe | Aya-kozwe yose | Aki-gwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| VUP | 39 | 74 | 352,978,025 | 26 | 9 | 35 | 4 | 89.7 |
| Mutu-elle de santé | 12 | 15 | 167,096,564 | 11 | 1 | 12 | 0 | 100 |
| Girinka | 17 | 38 | 267,110,000 | 5 | 10 | 15 | 2 | 88 |
| Ubude-he | 3 | 5 | 480,000 | 0 | 3 | 3 | 0 | 100 |
| Ifumbi-re mva ruganda | 5 | 13 | 2,254,000 | 5 | 0 | 5 | 0 | 100 |
| SAC-COs | 27 | 60 | 246,591,056 | 24 | 2 | 26 | 1 | 96.3 |
| **Igitera-nyo** | **103** | **205** | **1,036,509,645** | **71** | **25** | **96** | **7** | **93.2** |

## 4.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA (GBV CASES):

Umuhigo wa gatanu wari uwo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina, nibura ku kigero cya 98% by'amadosiye yakiriwe agafatira umwanzuro; (Reba umuhigo wa gatanu (5°)).

Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakozwe ku byaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

| **Icyaha** | **Ayinjiye** | **Ayoherejwe mu inkiko** | **Ayashyinguwe** | **Ayakozwe yose** | **Akigwa** | **%** |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Gusambanya umwana | 1,917 | 1,207 | 700 | 1,907 | 10 | 99.4 |
| Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato | 287 | 136 | 150 | 286 | 1 | 99.6 |
| Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe | 607 | 433 | 172 | 605 | 2 | 99.6 |
| **Igiteranyo** | **2,811** | **1,776** | **1022** | **2,798** | **13** | **99.5** |

Mu rwego rwo gukangurira urubyiruko kwirinda no kurwanya ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina no gucuruza abantu, ishami ry'Ubushinjacyaha rishinzwe gukukiranna ibyo byaha (GBV Unit) ryateguye kandi ritanga ibiganiro mu bigo cumi na bitatu (13) by'amashuri abanza na 13 by'amashuri yisumbuye biherereye hirya no hino mu gihugu. Ibyo biganiro bikaba byaritabiriwe n'abanyeshuri 15,133 (9,188 bo mu mashuri abanza na 5,945 bo mu mashuri yisumbuye).



*Agnes MUHONGERWA/Umuyobozi w'ishami rishinzwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina ari hamwe n'abanyeshuri b'ikigo cy'amashuri abanza cya Jean de PAEPPE giherereye mu Karere ka Kamonyi.*

### 4.2.6. Ibyagezweho mu gukurikirana ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu

Umuhigo wa gatanu wari gukurikirana by'umwihariko ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu, hongerwa ikigero cy'amadosiye afatirwa umwanzuro kikagera nibura kuri 98%; (Reba umuhigo wa gatanu (5°)).

- **Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakozwe ku byaha bimwe na bimwe bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu:**

| N° | Icyaha | Ayin-jiye | Ayo-here-jwe mu inkiko | Ayashyin-guwe | Aya-kozwe yose | Aki-gwa | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Gucuruza abantu | 32 | 15 | 16 | 31 | 1 | 96.8 |
| 2. | Ingengabite-kerezo ya jenoside | 250 | 176 | 72 | 248 | 2 | 99.2 |
| 3. | Gusambanya umwana | 1,917 | 1,207 | 700 | 1,907 | 10 | 99.4 |
| 4. | Gukoresha ibiyobyabwenge bitemewe n'am-ategeko | 4,715 | 4,281 | 425 | 4,706 | 9 | 99.8 |
| 5. | Kwangiza ibikorwaremezo | 2 | 1 | 1 | 2 | 0 | 100 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 6. | Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato | 287 | 136 | 150 | 286 | 1 | 99.6 |
| 7. | Ihakana n'ipfobya rya jenoside yakorewe Abatutsi | 135 | 85 | 50 | 135 | 0 | 100 |
| 8. | Ivangura no gukurura amacakubiri | 105 | 69 | 36 | 105 | 0 | 100 |
| 9. | Ubwicanyi | 533 | 408 | 116 | 524 | 9 | 98.3 |
| 10. | Kwica umuntu bidaturutse ku bushake | 420 | 141 | 271 | 412 | 8 | 98.1 |
| **IGITERANYO** | | **8,396** | **6,519** | **1,837** | **8,356** | **40** | **99.5** |

**N.B:**

*Kuri uyu muhigo wo guhangana n'ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu, ku byaha 10 byagaragajwe haruguru, hinjiye amadosiye 8,396 muri yo 8,356 angana na 99.5% yafatiwe umwanzuro, bivuze ko uyu muhigo Ubushinjacyaha Bukuru bwawuhiguye 100% kuko bwari bwahize kuyakora ku kigero kiri hejuru ya 98%.*

## 4.2.7. Ibyagezweho mu kurengera no gufasha abahohotewe n'abatangabuhamya

Umuhigo wa gatandatu wari uwo kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikava kuri 93% kikagera nibura kuri 94%. (Reba umuhigo wa gatandatu(6°)).

**a. Ibibazo by'abatangabuhamya n'abahohotewe byakiriwe n'uburyo byakemuwe:**

Mu mwaka wa 2015-2016 ishami ry'Ubushinjacyaha Bukuru rishinzwe kurengera no gufasha abahohotewe n'abatangabuhamya ryakiriye ibibazo by'abahohotewe n'abatangabuhamya 3,272, muri byo 3,101 byakemuwe burundu, 33 ba nyirabyo bagiriwe inama y'uburyo byakemuka naho 138 byari bigikurikiranwa mu mpera za Kamena 2016, ni ukuvuga ko 95.8% by'ibibazo byakiriwe byakemutse.

**N.B:**

** Ibi bivuze ko umuhigo wo kongera ikigero cyo gucyemura ibibazo by'abahohotewe n'abatangabuhamya kikava kuri 93 kikagera kuri 94% wagezweho hejuru ya 100%*

**Imbonerahamwe igaragaza ibibazo byakemuwe:**

| Ibibazo byakemuwe burundu | | | Abagiriwe inama y'uko ibibazo byabo byakemuka | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Abagabo | Abagore | Abana | Abagabo | Abagore | Abana |
| 1,753 | 950 | 398 | 14 | 16 | 3 |
| Igiteranyo: 3,272 | | | Igiteranyo: 33 | | |

**b. Abatangabuhamya bashatswe:**

| Abatangabuhamya bose muri rusange | | | | Abatanga buhamya b'uregwa | Abatanga buhamya ba Com-mission Rogatoire | Abatanga buhamya b' Ubush-injacyaha |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Abaga-bo | Aba-gore | Abana | Igit-eran-yo | | | |
| 1,111 | 345 | 46 | 1,502 | 18 | 1,032 | 452 |

**c. Imbonerahamwe igaragaza ubufasha bunyuranye bwahawe abahohotewe n'abatangabuhamya:**

- **Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro:**

| Ubufasha bahawe | Umubare w'abasabye ubufasha | Umubare w'abahawe ubufasha | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Abahawe ifunguro | 881 | 881 | 100% |
| Abamenyeshejwe imiterere y'amadosiye yabo | 767 | 767 | 100% |
| Abafashijwe mu ngendo | 350 | 350 | 100% |
| Abacumbikiwe | 342 | 342 | 100% |
| Abakorewe ubujyanama | 67 | 67 | 100% |
| Abavujwe | 12 | 12 | 100% |
| Abimuwe by'agateganyo | 4 | 4 | 100% |

## 4.2.8. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguye muri rusange imihigo y'umwaka wa 2015-2016:

| Nº | Umuhigo | Igipimo | Intego | Ibyagezweho | % umuhigo wahiguweho |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha bwakiriye | Amadosiye yakozwe ku ijana (%) | +98% | 99.34% | 101.4% |
| 2 | Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko | Conviction rate | +93% | 92.44% | 99.4% |
| 3 | Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu. | Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 200 | 301 | 150.5% |
| 4 | Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu | Amadosiye yakozwe ku ijana (%) | 98% | 95.2% | 97.1% |
| 5 | Guhangana n'ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu | Amadosiye yakozwe ku ijana (%) | 98% | 99.5% | 101.5% |
| 6 | Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya | % y'ibibazo byakemuwe | 94% | 95.8% | 101.9% |
| **Ikigereranyo rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguriyeho imihigo ya 2015-2016** | | | | | **108.6%** |

## 4.3. Ibindi byakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuva muri Nyakanga 2015 kugeza Kamena 2016

### 4.3.1. Mu biro by'Umushinjacyaha Mukuru

Mu rwego rwo gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ibyaha no gukurikirana abanyabyaha nkuko biteganywa n'Itegeko Ngenga N° 04/2011/OL rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjcyaha bwa Gisirikare, nkuko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, mu ngingo yaryo ya 26, kuva Nyakanga 2015 kugeza Kamena 2016 Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama mpuzamahanga zitandukanye, akora ingendo mu bihugu bitandukanye ndetse anakira intumwa ziturutse hirya no hino ku isi.

**a. Inama mpuzamahanga Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye**

- Kuva kuwa 11 kugeza 16 Ukwakira 2015, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama ngarukamwaka y'ihuriro nyafurika ry'abashinjacyaha (African Prosecutors Association) n'ikiganiro mbwirwaruhame ku icuruzwa ry'abantu byabereye Livingstone muri Zambiya.

- Kuva kuwa 4 kugeza 7 Ugushyingo 2015, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama ngarukamwaka y'ihuriro ry'abashinjacyaha bo muri Afurika y'iburasirazuba (East African Association of Prosecutors) yabereye i Kampala muri Uganda.

- Kuwa 02 Ugushyingo 2015, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye umuhango wo gutangiza inama rusange ya INTERPOL yabereye i Kigali mu Rwanda.

- Kuva kuwa 13 kugeza 16 Kamena 2016, Umushinjacyaha Mukuru yagiriye uruzinduko rw'akazi mu Gihugu cya Mozambique, urwo ruzinduko rukaba rwari rugamije gukomeza ubufatanye mu rwego rwo kurwanya ibyaha no gukurikirana abanyabyaha.



*Umushinjacyaha Mukuru, Mr. Richard MUHUMUZA ari hamwe na Minisitiri w'Ubutabera wa Mozambique Mr. Isaque Chande*

## b. Abakiriwe n'Umushinjacyaha Mukuru

- Kuwa 31 Kanama 2015, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye Ambasaderi w'Ubuhorandi mu Rwanda Frederique de Man baganira ku buryo bwo guteza imbere ubufatanye hagati y'Igihugu cye n'Ubushinjacyaha Bukuru.

- Kuwa 29 Nzeli 2015, Umushinjacayaha Mukuru yakiriye anagirana ibiganiro n'itsinda ryaturutse muri Repubulika ya Gambiya riyobowe na Minisitiri w'ubutabera akaba n'intumwa Nkuru ya Leta Hon. Mama Fatima Sighateh. Iryo tsinda rikaba ryari ryaje kwigira ku Rwanda uburyo n'ingamba byo guhangana na ruswa.



*Umushinjacyaha Mukuru, Mr. Richard MUHUMUZA ari hamwe na Minisitiri w'ubutabera akaba n'intumwa Nkuru ya Leta ya Gambiya, Hon. Mama Fatima Sighateh.*

- Kuwa 12 Ugushyingo 2015, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye itsinda riturutse mu rukiko mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR), iryo tsinda ryari rigizwe na: Honorable Judge Vagn Joensen President wa ICTR, Honorable Hassan B. Jallow, Mr. Bongani Majola Umwanditsi n'abandi bakozi ba ICTR na MICT.

- Kuva kuwa 12 kugeza 16 Ugushyingo 2015, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye itsinda ryaturutse muri Repubulika ya Zambiya riyobowe na Ms. FULATA SHAWA SINYUYI Acting Director of public prosecution, iryo tsinda ryari ryaje kwigira ku mikorere myiza y'Ubushinjacyaha Bukuru.



*Umushinjacyaha Mukuru, Mr. Richard MUHUMUZA ari kumwe na Ms. FULATA SHAWA SINYUYI*

- Ku wa 02 Gashyantare 2016 Umushinjacyaha Mukuru yakiriye itsinda rigizwe n'abacamanza, abashinjacyaha n'abagenzacyaha bakora iperereza ku madosiye y'Abanyarwanda bahungiye mu gihugu cy'Ubufaransa bakekwaho kuba baragize uruhare muri jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu biganiro bagiranye bibanze ku buryo bwo kunoza imikoranire hagati y' Ubushinjacyaha bw' u Rwanda n' inzego z'Ubutabera zo mu Bufaransa.



*Umushinjacyaha Mukuru n'Abakozi b'Ubushinjacyaha hamwe n'itsinda ryaturutse mu Bufaransa*

- Kuwa 7 Werurwe 2016, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye ku cyicaro cy' Ubushinjacyaha ku Kimihurura Umushinjacyaha Mukuru mu rukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rukorera Arusha muri Tanzaniya Bwana Hassan B. Jallow wari waje kumusezeraho kuko yitegura kuva muri iyo mirimo bitewe nuko mandat ye igiye kurangira . Mu biganiro bagiranye, Umushinjacyaha Mukuru Muhumuza Richard yashimiye Bwana Hassan B. Jallow kubera uruhare yagize mu guharanira ko abakoze jenoside bashyikirizwa ubutabera. Ku ruhande rwe Hassan B. Jallow yashimye ubufatanye bwaranze Ubushinjicyaha Bukuru bw' u Rwanda n' urukiko mpuzamahanga rukorera ARUSHA mu kurangiza inshingano zarwo.



*Umushinjacyaha Mukuru, Mr. Richard MUHUMUZA asezera Hassan Bubaccar Jallow*

- Kuwa 20 Mata 2016 Umushinjacyaha Mukuru yakiriye Serge Brammertz, Umushinjacyaha w'Urwego rw'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (MICT/Mechanism International Criminal Tribunal) rwasimbuye Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) na Yugoslavia (ICTY). Serge Brammertz yasimbuye Hassan Bubacar Jallow wari Umushinjacyaha Mukuru wa ICTR na ICTY. Mu biganiro bagiranye, uyu mushinjacyaha yagaragarijwe imiterere n' imikorere y'Ubushinjacyaha Bukuru mbere na nyuma y'ivugururwa ry'inzego z'Ubutabera mu 2004, yerekwa ibyagezweho n'ishami rishinzwe gukurikirana abasize bakoze Jenoside bahungiye hanze y'Igihugu; banagiranye ikiganiro ku mikoranire y' Ubushinjacyaha Bukuru na MICT.



*Umushinjacyaha Mukuru, Mr. Richard MUHUMUZA ari hamwe na Serge Brammertz Umushinjacyaha w'Urwego rw'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha*

### 4.3.2 Ibyagezweho mu Bugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru

Duhereye ku igenamigambi ry'Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru ry'umwaka wa 2015-2016, Ubugenzuzi bwakoze ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

**a. Kwakira no gucyemura ibibazo by'abaturage bagana Ubushinjacyaha Bukuru.**

Ubugenzuzi bwakiriye abaturage ijana n'umunani (108) bunashakira ibisubizo ibibazo byabo.

**b. Ibibazo by'Abaturage mu nyandiko.**

Ubugenzuzi bw'ubushinjacyaha bwakiriye bunasubiza amabaruwa igihumbi magana atatu na cumi n'abiri (1,312) yavuye hirya no hino mu gihugu.

**c. Gukora igenzura ry'amadosiye yakozwe n'abashinjacyaha.**

Muri Kanama 2015, Ubugenzuzi bwakoze igikorwa cy'igenzura ku ngano (quantity) ndetse n'ubwiza (quality) by'amadosiye yose, imwe ku yindi yakozwe n'abashinjacyaha bose kuva Mutarama kugeza Kamena 2015, hakaba haragenzuwe amadosiye 16,027.

Muri Gashyantare 2016, Ubugenzuzi bwagenzuye ingano n'ubwiza by'amadosiye yakozwe kuva muri Nyakanga kugeza mu Kuboza 2015, hagenzurwa amadosiye 12,636 yakozwe n'Abashinjacyaha ku nzego zose.

### 4.3.3. Ibyagezweho mu Bunyamabanga bw'Ubushinjacyaha Bukuru

- Hateguwe igenamigambi n'ingengo y'imari ingana na 5,840,354,133 Frw by'umwaka wa 2016-2017;
- Hakurikiranywe ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi n'ingengo y'imari ingana na 4,900,389,453 Frw by'umwaka wa 2015-2016;
- Muri uyu mwaka ushize, Abashinjacyaha 13, abakozi 9 bunganira Ubushinjacyaha n'abakozi 26 bagengwa n'amasezerano bashyizwe mu myanya;
- Abashinjacyaha n'abafasha b'Ubushinjacyaha 27 bakurikiranye amasomo (legal practice) muri ILPD i Nyanza n'i Kigali;
- Abakozi mirongo ine (40) bitabiriye amahugurwa atandukanye muri RMI i Murambi;
- Mu rwego rwo kwihutisha akazi, haguzwe Laptops Positovo 310 zihabwa abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru;
- Havuguruwe imiyoboro ya internet y'Ubushinjacyaha ku nzego zisumbuye 5 : Karongi, Nyamagabe, Nyarugenge, Ngoma na Rubavu.

## 5. IMIHIGO YA 2016-2017

Muri uyu mwaka wa 2016-2017, Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye intego 6 z'ingenzi zikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

| Nº | Umuhigo | Igipimo (indicator) | Intego (target |
|---|---|---|---|
| 1 | Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha bwakiriye | Amadosiye yakozwe ku ijana (%) | +98% |
| 2 | Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko | Conviction rate | +93% |
| 3 | Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bahunze Igihugu | Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 250 |
| 4 | Gukurikirana abantu bose bakekwaho kurigisa cyangwa gukoresha nabi umutungo wa Leta baba bagaragajwe muri raporo y'Umugenzuzi Mukuri w'Imari ya Leta ya 2014-2015 n'abandi | Ijanisha ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro | 100% |
| 5 | Kunoza imikorere y'amadosiye y'ibyaha bifite ingaruka zihariye ku buzima bw'Igihugu hazamurwa ikigero Ubushinjacyaha butsindiraho imanza mu madosiye buregera inkiko. | Conviction rate | Kwongera nibura 2% kuri conviction rate ya buri cyaha |
| 6 | Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya | % y'ibibazo byakemuwe | 96% |

**Kugira ngo izi ntego zavuzwe haruguru zigerweho, Ubushinjacyaha Bukuru bwiyemeje kandi:**

i. Kunoza Prosecution Policy buri mwaka, igakorwa hagendewe ku bushakashatsi ku mpamvu n'imikorere y'ibyaha, ikanatanga umuti uhamye ku buryo bwo kwirinda no kurwanya ibyaha;

ii. Gukora inyigo igaragaza impamvu hari ibyaha bikomeza kwiyongera;

iii. Gukora inyigo igaragaza impamvu hari ibyaha Ubushinjacyaha butsinda imanza mu madosiye bwaregeye inkiko ku kigero cyo hasi;

iv. Gushyiraho amabwiriza y'Umushinjacyaha Mukuru ku bijyanye no gusaba ibihano, aya mabwiriza akajya ajyana n'ubwiganze bw'ibyaha runaka ahantu runaka;

v. Gushyiraho amabwiriza y'Umushinjacyaha Mukuru mu guca ihazabu, hashakwa uburyo byakorwa kimwe mu gihugu hose (fine harmonization guidelines).

## 6. UMWANZURO

Uyu mwaka urangiye wa 2015-2016, hashyizwe imbaraga nyinshi mu gufatira umwanzuro amadosiye yashyikirijwe Ubushinjacyaha Bukuru mu rwego rwo kurwanya ko hakongera kuvuka ibirarane.

Muri uyu mwaka wa 2016-2017 Ubushinjacyaha Bukuru buzakomeza gushyira imbaraga mu kwihutisha akazi no kunoza serivise buha abaturage mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego bwihaye no gufatanya n'izindi nzego kugera ku ntego za EDPRS ya kabiri, gahunda ya Leta y'imyaka irindwi n'icyerekezo 2020.

**Muhumuza Richard**
**Umushinjacyaha Mukuru**